## 1. INTANGIRIRO

Buri mwaka Ubushinjacyaha Bukuru butanga raporo y'ibikorwa bwagezeho nkuko biteganywa n'ingingo ya 37 y'Itegeko Ngenga N° 04/2011/OL ryo kuwa 03/10/2011 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'ubushinjacyaha bwa Gisirikare nkuko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu. Ni muri urwo rwego iyi raporo y'umwaka wa 2014-2015 igaragaza intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo yabwo n'ibikorwa byagezweho n'ubushinjacyaha bukuru hashingiwe k'ububasha buhabwa n'itegeko ryavuzwe haruguru mu ngingo yaryo ya 26. Ubwo bubasha bukaba ari ubu bukurikira:

1° Gukora iperereza ku byaha bukurikirana no kuyobora iperereza rikorwa n'abagenzacyaha;

2° Kuburana imanza z'inshinjabyaha mu nkiko zose zisanzwe z'Igihugu no mu nkiko za gisirikare;

3° Kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;

4° Gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ubugizi bwa nabi;

5° Gukora indi mirimo bwagenewe n'itegeko.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka mbere (1°); iyi raporo irerekana neza amadosiye Ubugenzacyaha bwashyikirije Ubushinjacyaha kugira ngo buyafatire imyanzuro n'ibyemezo bitandukanye bwayafatiye nyuma yo kuyasesengura.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka kabiri (2°), raporo iragaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwazamutse mu gutsinda amadosiye bwaregeye inkiko unagereranije n'indi myaka.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka gatatu (3°), hashyizweho amabwiriza ngengamikorere agamije kunoza serivise ubushinjacyaha buha abaturage.

Ku bubasha bwo gufatanya n'ibindi bihugu mu rwego rwo kurwanya ubugizi bwa nabi, iyi raporo iragaragaza ingano y'inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu Bihugu aho abakekwaho icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 baherereyemo;

Iragaragaza kandi urutonde rw'abakekwaho jenoside bafashwe bagafungwa n'ibihugu baherereyemo, ababuranishirizwa hanze y'u Rwanda, abagaruwe mu Rwanda ndetse n'ababuranishwa ubu n'Urukiko Rukuru rw'u Rwanda.

Ubushinjacyaha burashima ubufatanye n'izindi nzego za Leta n'iz'abaterankunga zabufashije kugira ngo bugere ku musaruro ugaragazwa muri iyi raporo.

## 2. UMUBARE W'ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

| Nº | ICYO BAKORA | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1 | Umushinjacyaha Mukuru | 1 |
| 2 | Umushinjacyaha Mukuru Wungirije | 1 |
| 3 | Umunyamabanga Mukuru | 1 |
| 4 | Umugenzuzi Mukuru | 1 |
| 5 | Abagenzuzi | 4 |
| 6 | Umuyobozi w'ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha mpuzamahanga | 1 |
| 7 | Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu | 25 |
| 8 | Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye | 12 |
| 9 | Umuyobozi w'ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina | 1 |
| 10 | Umuyobozi w'ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu | 1 |
| 11 | Umujyanama mu by'amategeko w'Umushinjacyaha Mukuru | 1 |
| 12 | Abashinjacyaha ku rwego rwisumbuye | 81 |
| 13 | Abashinjacyaha ku rwego rw'ibanze | 60 |
| 14 | Abayobozi b'amashami na za serivisi | 10 |
| 15 | Abayobozi bashinzwe gucunga abakozi n'ibikoresho ku nzego zisumbuye (IRM) | 12 |
| 16 | Abandi bakozi (Professionals) | 39 |
| 17 | Abayobozi b'abafasha b'ubushinjacyaha | 12 |
| 18 | Abafasha b'ubushinjacyaha | 81 |
| 19 | Abafasha b'abayobozi(Administrative Assistants) | 4 |
| 20 | Abanyamabanga(secretaries) | 4 |
| 21 | Abashoferi | 14 |
| | **Igiteranyo Rusange** | **366** |

## 3. INGENGO Y'IMARI UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAKORESHEJE MU MWAKA WA 2014-2015

| **Inkomoko** | **Imishahara (Frw)** | **Ibindi bitari Imishara (Frw)** | **Igiteranyo (Frw)** |
|---|---|---|---|
| **Leta y'u Rwanda** | 2,582,555,865 | 1,625,456,335 | **4,208,012,200** |
| **Ahandi** | 0 | 0 | **0** |
| **Igiteranyo** | 2,582,555,865 | 1,625,456,335 | **4,208,012,200** |
| **Ijanisha** | 61.4% | 38.6% | **100%** |

## 4. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2014 KUGEZA KAMENA 2015

### 4.1. INTEGO Z'INGENZI (PRIORITY TARGETS) ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2014-2015

Mu mwaka wa 2014-2015, Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku bubasha buhabwa n'itegeko, ibikorwa bikubibiye muri Plan Strategique ya gatatu ndetse n'ibipimo by'ingenzi bishingirwaho mu gupima ingano n'ubwiza n'ubwinshi by'akazi kakozwe, bwihaye intego 6(targets) zikurikira:

i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye ubushinjacyaha bwakiriye kikava kuri 96.5% kikagera kuri 97%;
ii. Kuzamura ikigero ubushinjacyaha butsindiraho amadosiye bwaregeye inkiko kikava kuri 90.6% kikagera kuri 92%;
iii. Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu, hongerwa inyandiko zitanga ibirego zikava kuri 55 zikagera nibura ku 160;
iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikava kuri 97% kikagera kuri 98%;
v. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura 98% by'amadosiye yakiriwe agafatira umwanzuro;
vi. Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikava kuri 90% kikagera nibura kuri 92%.

### 4.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2014-2015

**Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye ubushinjacyaha bwakiriye kikava kuri 96.5% kikagera kuri 97%(Reba umuhigo wa mbere(1°)).**


#### 4.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2014-2015:

| Urwego | Ayinjiye | Ayafatiwe umwanzuro | | | Ayasigaye ugereranije n'iyinjiye | Dosiye zakozwe ku ijana |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Ayaregewe Inkiko | Ayashyinguwe | Ayakozwe yose hamwe | | |
| Urwego Rwisumbuye + Urwego rw'Ibanze | 28,620 | 19,555 | 8,843 | 28,398 | 222 | 99.22 |
| Urwego w'igihugu | 244 | 221 | 18 | 239 | 5 | 97.95 |
| **Igiteranyo** | **28,864** | **19,776** | **8,861** | **28,637** | **227** | **99.21** |

**N.B** ∗ Nkuko bigaragara muri iyi mbonerahamwe umuhigo wo kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye ubushinjacyaha bwawugezeho 100% kuko bwari bwahize gukora 97% bukora 99,21%.

* Ugereranije n'umwaka ushize wa 2013-2014, Ubushinjacyaha bwongereye umusaruro kuko muri uwo mwaka bwari bwakoze amadosiye ku kigero cya 96.48 %. Dore rero uko umusaruro wagiye wongerwa umwaka kuwundi:

| Umwaka | Amadosiye yinjiye | Amadosiye yakozwe | % ayakozwe/ ayinjiye |
|---|---|---|---|
| 2009 | 24,008 | 14,044 | 58.50 |
| 2010 | 25,962 | 20,208 | 77.84 |
| 2011 | 25,927 | 18,767 | 72.38 |
| 2012 | 29,308 | 20,808 | 71.00 |
| 2012-2013 | 27,308 | 26,956 | 98.71 |
| 2013-2014 | 28,697 | 27,687 | 96.48 |
| 2014-2015 | 28,864 | 28,637 | 99.21 |



### 4.2.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE AMADOSIYE BWAREGEYE INKIKO

**Kuzamura ikigero ubushinjacyaha butsindiraho amadosiye bwaregeye inkiko kikava kuri 90.6% kikagera kuri 92%(Reba umuhigo wa kabiri(2°).**

Kuva Nyakanga 2014 kugera Kamena 2015, amadosiye 18,364 yaburanywe n'Ubushinjacyaha Bukuru mu nkiko yarasomwe, muriyo ibihumbi 17,063 angana na 92.9% Ubushinjacyaha bwarayatsinze nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:


**Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye bwaregeye inkiko:**

| Urwego | Amadosiye yasomwe | Ayo ubushinjacyaha bwatsinze | Ayo ubushinjacyaha bwatsinzwe | Conviction rate |
|---|---|---|---|---|
| Urwego rw'Ibanze | 11,252 | 10,657 | 595 | **94.71** |
| Urwego Rwisumbuye | 5,437 | 4,851 | 586 | **89.22** |
| Urwego Rw'Igihugu | 1,675 | 1,555 | 120 | **92.84** |
| **Igiteranyo** | **18,364** | **17,063** | 1,301 | **92.92** |

N.B * Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko Ubushinjacyaha bwahiguye ku kigereranyo cy'100% umuhigo wa kabiri(2°) wo kuzamura ikigero rusange cyo gutsindiraho amadosiye bwaburanye kikagera kuri 92%. Nkuko bigaragara bwayatsindiye ku kigero cya 92.92%. Ibi byatewe n'ingamba zitandukanye bwafashe zigamije ahanini kuzamura ubwiza (quality) bwa dosiye bwaregeye inkiko.

**Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ubushinjacyaha bukuru bwagiye buzamuka mu gutsinda amadosiye bwaregeye inkiko kuva 2009 kugeza muri kamena 2015**

| Umwaka | Conviction rate |
|---|---|
| 2009 | 76.60% |
| 2010 | 82.20% |
| 2011 | 82.50% |
| 2011-2012 | 83.60% |
| 2012-2013 | 86.90% |
| 2013-2014 | 90.60% |
| 2014-2015 | 92.92% |




### 4.2.3 IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAHUNGIYE HANZE Y'U RWANDA

**Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu, hongerwa inyandiko zitanga ibirego zikava kuri 55 zikagera nibura ku 160(Reba umuhigo wa gatatu(3°))**

a. **Imbonerahamwe igaragaza dosiye zakorewe amaperereza akarangira:**

| № | Akarere | Amadosiye yakorewe iperereza |
|---|---|---|
| 1 | HUYE | 67 |
| 2 | RULINDO | 41 |
| 3 | NYARUGENGE | 36 |
| 4 | RUBAVU | 25 |
| 5 | KARONGI | 18 |
| 6 | GATSIBO | 15 |
| 7 | GASABO | 14 |
| 8 | NYANZA | 12 |
| 9 | RUSIZI | 11 |
| 10 | KICUKIRO | 10 |
| 11 | NYAMASHEKE | 9 |
| 12 | NYAMAGABE | 9 |
| 13 | NYARUGURU | 9 |
| 14 | GISAGARA | 5 |
| 15 | KAMONYI | 5 |

| | | |
|---|---|---|
| 16 | RUTSIRO | 5 |
| 17 | MUHANGA | 3 |
| 18 | NGOMA | 3 |
| 19 | KAYONZA | 2 |
| 20 | RUHANGO | 2 |
| 21 | KIREHE | 1 |
| 22 | NGORORERO | 1 |
| 23 | RWAMAGANA | 1 |
| | **Igiteranyo rusange** | **304** |

**b. Imbonerahamwe igaragaza inyandiko zitanga ikirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 baherereyemo:**

| **Nº** | **Igihugu** | **Inyandiko zoherejwe** |
|---|---|---|
| 1 | RDC | 46 |
| 2 | UGANDA | 38 |
| 3 | BURUNDI | 12 |
| 4 | BELGIUM | 9 |
| 5 | FRANCE | 9 |
| 6 | KENYA | 9 |
| 7 | USA | 5 |
| 8 | CENTRAL AFRICA REPUBLIC | 4 |
| 9 | MALAWI | 4 |
| 10 | CANADA | 4 |
| 11 | CONGO BRAZZAVILLE | 4 |
| 12 | ZAMBIA | 3 |
| 13 | TANZANIA | 2 |
| 14 | GERMANY | 2 |
| 15 | SUEDEN | 2 |
| 16 | IVORY COST | 2 |
| 17 | CAMEROUN | 2 |
| 18 | NETHERLANDS | 1 |
| 19 | NORWAY | 1 |
| 20 | NEW ZELAND | 1 |
| | **Igiteranyo rusange** | **160** |

N.B * Muri uyu mwaka wa 2014-2015, inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 baherereyemo, ziyongereyeho 105 kuko muri 2013-2014 hari hatanzwe 55 mu gihe ubu ari 160.

* Ibi kandi bigaragaza ko ubushinjacyaha bwahiguye ku kigereranyo cy'100 umuhigo wa gatatu(3°) wo kwihutisha ikurikirana ry'abacyekwaho kuba barakoze icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 bagahungira hanze y'u Rwanda kuko bwari bwiyemeje kuzohereza hanze y'u Rwanda inyandiko zitanga ikirego 160 kandi bwarabikoze.

**c. Ababuranishirijwe hanze y'u Rwanda:**

| № | Amazina | Igihugu | Itariki | Igihano |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Désiré MUNYANEZA | Canada | 18 Ukuboza 2014 | Igifungo cya burundu |
| 2. | Sadi BUGINGO | Norway | 16 Mutarama 2015 | Gufungwa imyaka 25 |

**d. Abagaruwe mu Rwanda:**

| № | Amazina | Igihugu cyamugaruye | Itariki yagerejwe mu Rwanda |
|---|---|---|---|
| 1. | Emmanuel MBARUSHIMANA | Denmark | 30 Nyakanga 2014 |
| 2. | Jean Paul BIRINDABAGABO | Uganda | 15 Mutarama 2015 |
| 3. | Jean de Dieu MUNYANEZA alias Mutzig | Netherlands | 21 Werurwe 2015 |

**e. Imanza z'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bagaruwe mu Rwanda ziriho ziburanishwa mu mizi n'Urukiko Rukuru rw'u Rwanda .**

| N° | URUBANZA |
|---|---|
| 1. | Dr Léon MUGESERA |
| 2. | Pasteur Jean UWINKINDI |
| 3. | Bernard MUNYAGISHARI |
| 4. | Emmanuel MBARUSHIMANA |

**N.B:** Kuwa 15 Gicurasi 2015 Urukiko Rukuru rwasomye Urubanza ubushinjacyaha bukuru bwaregagamo **Charles BANDORA** icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi, rumuhamya ibyaha bitatu muri bitandatu yaregwaga aribyo: icyaha cy'ubwumvikane bugamije gukora Jenoside, icyaha cyo kuba icyitso cy'abakoze Jenoside n'icyaha cyo kuba icyitso cyo kurimbura imbaga no kwica nk'icyaha kibasiye inyoko muntu, rukamuhanisha igihano cy'igifungo cy'imyaka 30.

**f. Imikoranire n'izindi nzego**

Mu rwego rwo gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu; kuwa 24 Nyakanga 2014, Ubushinjacyaha Bukuru bwatumiye abanyamakuru bubatangariza igikorwa kiswe "War Crimes Rewards" bwateguye bufatanyije wa US OGCJ[1], ICTR[2], RMICT[3] ndetse na Interpol.

Icyo gikorwa cyatangijwe na US OGCJ kigamije guha igihembo kingana na miliyoni eshanu z'amadorari y'amerika ($5,000,000) umuntu wese uzatanga amakuru aganisha ku gufata Felicien Kabuga, Protais

[1] United State Department's Office of Global Criminal Justice

[2] International Criminal Tribunal for Rwanda
[3]Mechanism for International Criminal Tribunals

Mpiranya, Augustin Bizimana, Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Ladislas Ntaganzwa, Aloys Ndimbati, Charles Ryandikayo na Pheneas Munyarugarama.



**Umushinjacyaha Mukuru,Umushinjacyaha Mukuru wa ICTR, Minisitiri w'Ubutabera n'abahagarariye inzego zikurikira: US OGCJ, ICTR,CNLG,IBUKA ndetse na INTERPOL batangiza k'umugaragaro igihembo kizahabwa umuntu wese uzagaragaza aho abaregwa icyaha cya jenoside bari kuri ariya mafoto bahetereye. Icyo gikorwa cyiswe "War Crimes Rewards".**

### 4.2.4. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU BW'IGIHUGU

**Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, hongerwa ikigero cy'amadosiye afatirwa umwanzuro kikava kuri 97% kikagera kuri 98%(Reba umuhigo wa kane(4°)).**

**a. Amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu yafatiwe umwanzuro:**

| Amadosiye yinjiye | Ayaregewe Inkiko | Ayashyi nguwe | Ayoherejwe mu bushinjacyaha bwa gisirikare | Ayakozwe yose hamwe | Ayakozwe ku ijana |
|---|---|---|---|---|---|
| **746** | 449 | 255 | 3 | 707 | **94.7%** |

**N.B:** * Umihigo ubushinjacyaha bwari bwihaye wo gukora nibura **98%** by'amadosiye bwakiriye ntibwawugezeho, kuko bigaragara ko amadosiye yakiriwe uyu mwaka yiyongereye cyane ugereranije n' ayari yakiriwe umwaka ushize wa 2013-2014 (yavuye kuri 481 agera kuri 746 bivuze ko akorwa yiyongereyeho 55%); bituma adafatirwa umwanzuro ku kigero cyari kiyemejwe.

* Nkuko rero mubibona mu muhigo wa kane(4°) ubushinjacyaha bukuru bwari bwiyemeje gufatira amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu ku kigero cya 98% ariko buyafatira imyanzuro ku kigero cya 94,7%. Bivuze ko uyu muhigo wahiguwe ku kigereranyo cya mirongo icyenda na karindwi n'ibice birindwi ku ijana (96,6%).

**b. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2012-2013:**

- **Imiterere ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta 2012-2013:**

| Ibigo byagenzuwe | ibigo byakorewe iperereza | Ibigo byagize clean audit report |
|---|---|---|
| **127** | **88** | **39** |

- **Ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho kunyereza umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Umukuru w'imari ya Leta:**

| Amadosiye yagombaga kwigwa | Ayaregwe inkiko | Ayashyi nguwe | Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisirikari | Ayakozwe yose hamwe | Ayasigaye | Ayakozwe ku ijana |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **102** | **30** | **68** | **3** | **101** | **01** | **99%** |

**NB:** Iyi dosiye imwe yasigaye ni iya EWASA ikiri mu iperereza, kuko hari ibitari bisobanutse muri raporo y'umugenzuzi mukuru, biba ngombwa ko ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta bikora indi raporo ishyikirizwa Ubushinjacyaha Bukuru umwaka ugiye kurangira.

- **Amadosiye yaregewe inkiko:**

| **Umubare w'amadosiye** | **Umubare w'abaregwa** | **Ingano y'amafaranga yanyerejwe cyangwa yakoreshejwe nabi** | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Ayanyerejwe** | **Gusonera umusoro** | **Gutanga amasoko mu buryo bunyuranyijwe n'amategeko** | **Gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe** | **Yose hamwe** |
| 30 | 125 | 33,214,418 | 95,582,160 | 1,369,165,409 | 729,428,671 | **2,227,390,658** |

- **Amadosiye yaciwemo ihazabu(fine) nta rubanza rubayeho:**

| **Umubare w'amadosiye** | **Abakekwa muri ayo madosiye** | **ihazabu yatanzwe (Frw)** |
|---|---|---|
| 2 | 3 | 1,000,000 |

- **Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta (Imisoro n'andi mafaranga byanyerejwe):**

| **Umubare w'amadosiye** | **Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje** | **Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta nta rubanza** |
|---|---|---|
| 31 | 114 | 47,542,677 FRW + 4,800 USD |

- **Umubare w'abakozi ba Leta bagaragaweho amakosa yo mu rwego rw'akazi hashingiwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ya 2012-2013:**

| Ibigo, imishinga na Programu | umubare w'abakozi bagaragaweho amakosa yo mu rwego rw'akazi | Umubare w'amakosa yagaragaye |
|---|---|---|

| | | |
|---|---|---|
| 57 | 212 | 187 |

- **Imbonerahamwe igaragaza abantu byagaragaye ko nta cyaha nta n'ikosa ryo mu rwego rw'akazi bakoze**

| Ibigo, imishinga na Programu | umubare w'abakozi batagaragaweho icyaha nta n'ikosa ryo mu rwego rw'akazi bakoze | Umubare w'amafaranga bari bakurikiranyweho |
|---|---|---|
| 7 | 19 | 26,724,892,481 |

**4.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA (GBV CASES):**

**Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura 98% by'amadosiye yakiriwe agafatira umwanzuro (Reba umuhigo wa gatanu(5°))**

**a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakozwe ku byaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:**

| Icyaha | Amadosiye yakiriwe | Ayarehe gewe inkiko | Ayashyi nguwe | Ayakozwe yose | Ayasi gaye | Ijanisha ry'ayako zwe |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Gusambanya abana | 1879 | 1166 | 698 | 1864 | 15 | 99.20 |
| Gusambanya abakuru ku gahato | 331 | 154 | 153 | 307 | 24 | 92.75 |
| Ihohoterwa rikorerwa mu ngo | 608 | 395 | 187 | 582 | 26 | 95.73 |
| **Igiteranyo** | 2,818 | 1,715 | 1,038 | 2,753 | 65 | **97.69** |

**N.B Ibi biragaragaza ko ubushinjacyaha bwari bwahize ku kigero cya 98 %, bugera kuri 97,69 bivuze ko bwahiguye uyu muhigo ku kigero cya 99.69%.**

**b. Imbonerahamwe igaragaza uko ubushinjacyaha bwatsinze amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina bwaregeye inkiko:**

| ICYAHA | Amadosiye yasomwe | Amadosiye Ubushinjacyaha bwatsinze | Amadosiye Ubushinjacyaha bwatsinzwe | Conviction rate |
|---|---|---|---|---|
| Gusambanya umwana | 814 | 632 | 182 | 77.64% |
| Gusambanya abakuru ku gahato | 129 | 102 | 27 | 79.07% |
| Ihohoterwa rikorerwa mu ngo | 253 | 227 | 26 | 89.72% |
| **Igiteranyo** | **1,196** | **961** | **235** | **80.35%** |

**c. Dosiye zoherejwe gupimwa ibizamini bya DNA mu Budage 2014-2015:**

| Igihembwe | Umubare w'ibizamini bya DNA byoherejwe |
|---|---|
| NYAKANGA – UKUBOZA 2014 | 44 |
| MUTARAMA– WERURWE 2015 | 21 |
| MATA – KAMENA 2015 | 27 |
| **Total** | **92** |

**d. Imikoranire n'izindi nzego**

Mu rwego rwo kunoza imikoranire n'izindi nzego, kuwa 05 Gicurasi 2015 Umushinjacyaha Mukuru, yakiriye mu biro bye itsinda ry'abakozi ba GMO [4] riyobowe n'umuyobozi mukuru wayo. Mu biganiro bagiranye bakaba barumvikanye ingamba zo kunoza imikoranire mu rwego rwo kurwanya ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina.



**Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije, n'itsinda ry'abakozi ba GMO**

### 4.2.6. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAHOHOTEWE N'ABATANGABUHAMYA

[4] Gender Monitoring Office

**Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura 98% by'amadosiye yakiriwe agafatira umwanzuro**
**(Reba umuhigo wa gatandatu(6°)).**

**a. Ibibazo by'abatangabuhamya n'abahohotewe byakiriwe n'uburyo byakemuwe**

Mu mwaka wa 2014-2015 ishami rishinzwe kurengera no gufasha abahohotewe n'abatangabuhamya ryakiriye ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya **2,418,** muribyo **2,216** byakemuwe burundu, **39** ba nyirabyo bagiriwe inama y'uburyo byakemuka naho **163** biracyakurikiranwa, ni ukuvuga ko **93.3%** by'ibibazo byakiriwe byarakemutse.

**N.B** Ibi bivuze ko umuhigo wo kongera ikigero cyo gucyemura ibibazo by'abahohotewe n'abatanga buhamya kikava kuri 90 kigera kuri 92% wagezweho 100% kuko cyageze kuri 93%.

**b. Imbonerahamwe igaragaza ubufasha bunyuranye bwahawe abahohotewe n'abatangabuhamya mu manza z'inshinjabyaha:**

| **Abahohotewe n'abatangabuhamya bafashijwe** | |
|---|---|
| Abakorewe ubujyama (Psychological Care/Counselling) | **79** |
| Abavujwe | 6 |
| Abacumbikiwe | 125 |
| Abafashijwe mu ngendo | **257** |

**c. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yashakiwe ibimenyetso by'inyongera:**

| **Icyemezo cyemeza ko umuntu yapfuye (Death Certificates)** | **Icyemezo cyemeza ibipimo byavuye k'umurambo (Autopsy)** | **Raporo za muganga (Medical Reports)** | **Ibisubizo bya DNA (Test results)** |
|---|---|---|---|
| 8 | 10 | 172 | 92 |

**d. Ibindi bikorwa byakozwe mu ishami rishinzwe kurinda abatangabuhamya no kurengera abahohotewe**

| **Igiteranyo cy' abatangabu hamya** | **IGIKORWA CYO GUFASHA COMMISSIONS ROGATOIRES KUBONA ABATANGABUHAMYA** | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | Umubare wa Commissions Rogatoires zashakiwe abatangabuhamya | Umubare w' amadosiye | Abatangabu hamya babarijwe imbere mu Gihugu | Abatanze ubuhamya bwabo hakoreshejwe uburyo bw'iyakure(Video-conference) | Abatangabuha mya boherejwe mu manza ziburanishirizwa hanze y'Igihugu |
| **427** | **9** | **20** | **333** | **58** | **36** |

**4.2.7. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA**

**WA 2014-2015:**

| No | Umuhigo | Igipimo (indicator) | Intego (target | Ibyagezweho (achievement | % umuhigo wahiguweho |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye ubushinjacyaha bwakiriye | Amadosiye yakozwe ku ijana | 97% | 99.2% | 102.2% |
| 2 | Kuzamura ikigero ubushinjacyaha butsindaho amadosiye bwaregeye inkiko | Conviction rate | 92% | 92.9% | 100.9% |
| 3 | Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi wagiye hanze y'igihugu | Umubare w'inyadiko zitanga ibirego zatanzwe | 160 | 160 | 100.0% |
| 4 | Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu | Amadosiye yakozwe ku ijana | 98% | 94.7% | 96.6% |
| 5 | Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina | Amadosiye yakozwe ku ijana | 98% | 97.7% | 99.7% |
| 6 | Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya | % y'ibibazo byakemuwe | 92% | 93.3% | 101.4% |
| **Ikigereranyo rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguriyeho imihigo ya 2014-2015** | | | | | **100.1%** |

## 4.3. IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2014 KUGEZA KAMENA 2015

### 4.3.1. Mu biro by'Umushinjacyaha Mukuru

Mu rwego rwo gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha nkuko biteganywa n'itegeko Ngenga N° 04/2011/OL mu ngingo yaryo ya 26, kuva Nyakanga 2014 kugeza Kamena 2015 Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama mpuzamahanga zitandukanye, akora ingendo mu bihugu bitandukanye ndetse anakira intumwa ziturutse hirya no hino ku isi.

#### a. Inama mpuzamahanga Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye

Kuva kuwa 21 Kugeza 24 Ukwakira 2014, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama ngarukamwaka y'Ihuriro Nyafurika ry'Abashinjacyaha (African Prosecutors Association) yabereye i Kinshasa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

Muri iyo nama Umushinjacyaha Mukuru yasabye abayitabiriye ubufatanye mu gukurikirana no gufata abakekwaho jenoside bahungiye mu bihugu byabo;



HOTO SOUVENIR DU CHEF DE L'ETAT JOSEPH KABILA ET L' ASSOCIATION DES PROCUREURS D'AFRIQUE AU PALAIS PRESIDENTIEL
A KINSHASA LE 23.OCT.2014





- Kuva kuwa 27 kugeza 30 Gicurasi 2015; Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama nyobozi y'Ihuriro Nyafurika ry'Abashinjacyaha yabereye i Mapito muri Mozambike.



**Umushinjacyaha Mukuru Richard MUHUMUZA hamwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Mozambique**

❖ Mu Kwakira 2014, Umuyobozi w'ishami rishinzwe kuburanisha abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu yitabiriye inama y'iminsi ibiri yabereye i Lyon mu Bufaransa yateguwe na Police Mpuzamahanga (Interpol), igamije gufata ingamba zo guhiga no guta muri yombi abakwahaho jenocide icyenda (9) bo ku rwego rwo hejuru bashakishwa n'urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda;




❖ Kuva kuwa 08 kugeza 11 Nyakanga 2014 no kuva kuwa 02 kugeza 07 Ugushyingo 2014; Umushinjacyaha Mukuru yakoreye urugendo rw'akazi Arusha muri Tanzaniya.

**a. Abakiriwe n'Umushinjacyaha Mukuru**

❖ Kuwa 20 Ugushyingo 2014 Umushinjacyaha Mukuru Bwana MUHUMUZA Richard yakiriye mu biro bye Ambasaderi Michael Ryan uhagarariye Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi. Mu biganiro bagiranye bibanze ku madosiye y'abakekwaho gukora jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 ubu bakaba barahungiye mu bihugu by'Uburayi no kurebera hamwe ingamba zafatwa ngo kubagarura kuburanira mu Rwanda byihutishwe.



**Umushinjacyaha Mukuru Bwana MUHUMUZA Richard na Ambassador Michael Ryan**

- Ku wa 09 Nyakanga 2015 Umushinjacyaha Mukuru yakiriye itsinda rishinzwe kugira inama Perezida wa Kenya ku bijyanye no gutanga imbabazi ku bagororwa (Power Of Mercy Advisory Committee, POMAC). Iryo tsinda ryari riyobowe n'Umuyobozi Mukuru Wungirije waryo, Madamu Regine Saira Boisabi.



**c. Inama mpuzamahanga yateguwe n'Ubushinjacyaha Bukuru**

- Kuva kuwa 10 kugeza kuwa 14 Ugushyingo 2014, muri Galaxy Hotel hateraniye inama yateguwe n'Ubushinjacyaha Bukuru yahuzaga abashinjacyaha bo mu Bihugu 7 birimo u Rwanda, Tanzania, Burundi, Kenya, Afrika y'Epfo , Sudani y'Epfo ,Kenya na Uganda. Iyo nama ikaba yari igamije kurebera hamwe ingamba zafatwa mu rwego rwo gukumira ibyaha by'iterabwoba, ibyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imipaka.



**Umushinjacyaha Mukuru n'abashinjacyaha bitabiriye inama**

### 4.3.2 IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Duhereye ku igenamigambi ry'ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha bukuru ry'umwaka wa 2014-2015, ubugenzuzi bwakoze ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

a. **Kwakira no gucyemura ibibazo by'abaturage bagana Ubushinjacyaha Bukuru .**

Ubugenzuzi bwakiriye abaturage mirongo icyenda n'icyenda (**99**) bunashakira ibisubizo ibibazo byabo.

b. **Ibibazo by'Abaturage mu nyandiko.**

Ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha bwakiriye bunasubiza amabaruwa igihumbi magana ane mirongo itandatu n'atatu **(1,463)** yavuye hirya no hino mu gihugu.

c. **Gukora amaperereza ku bakozi b'Ubushinjacyaha bukuru bacyekwagaho kutitwara neza mu kazi (Indisciplines cases).**

Hakozwe amaperereza ku myitwarire y'abashinjacyaha batatu (3) n'umufasha w'ubushinjacyaha umwe (1), baregerwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bose irabirukana burundu.

d. **Gukora igenzura ry'amadosiye yakozwe n'abashinjacyaha.**

Muri kanama 2014 ndetse no muri Mutarama 2015 Ubugenzuzi bwakoze igikorwa cy'igenzura ku ngano(quantity) ndetse n'ubwiza (quality) by'amadosiye yose, imwe ku yindi yakozwe n'abashinjacyaha bose ni ukuvuga:

- Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu bose;
- Abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye bose;
- Abashinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye bose;
- Abashinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze bose.

Aha bishatse kuvuga ko amadosiye yose hamwe ibihumbi cumi na bine magana atatu na mirongo itanu n'arindwi(14.357), ubugenzuzi busanga angana na 785 arimo ibibazo busaba mu nama rusange ebyiri(2) ko ibyo bibazo byacika burundu.

**e. Inama Ubugenzuzi bwitabiriye.**

Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha bwitabiriye inama mirongo itatu n'ebyiri(32) Ubushinjacyaha Bukuru bwabaga bwatumiwemo.

### 4.3.3. IBYAGEZWEHO MU BUNYAMABANGA BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU

**A. Ibyagezweho mu ishami rishinzwe igenamigambi, ikurikirana n'isuzuma mu mwaka wa 2014-2015**

- ❖ Hakozwe igenamigambi ry'umwaka wa 2015-2016.
- ❖ Hakozwe ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa ku ishyirwamubikorwa ry'igenamigambi rya 2014-2015, ku cyicaro gikuru cy'Ubushinjacyaha, amashami y'Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu ndetse no ku Rwego Rwisumbuye;
- ❖ Hasuwe inzego 4 zisumbuye (Ngoma, Nyagatare, Risizi na Karongi) kugira ngo harebwe impamvu zatumye umusaruro wazo ugabanuka nkuko byari byagaragajwe na raporo y'igihembwe cya gatatu, hanafatwa ingamba zo kwongera umusaruro;
- ❖ Havuguruwe (Update) igenamigambi (Strategique Plan) rya gatatu rigomba gushyirwa mu bikorwa kugeza 2018 hashingiwe ku mpinduka zabaye muri EDPRS II no mu igenamigambi ry'urwego rw'Ubutabera;
- ❖ Havuguruwe inyandiko ikoreshwa mu gutanga raporo ku madosiye yakozwe, hongerwamo amakuru atari arimo kugira ngo amakuru yose ku madosiye abonekere hamwe;
- ❖ Hasesenguwe raporo z'ubugizi bwa nabi(criminality) zitangwa n'inzego zisumbuye z'Ubushinjacyaha, ndetse buri kwezi hagakorwa raporo igaragaraza imiterere y'ibyaha mu gihugu hose.

**B. Ibyagezweho mu ishami rishinzwe ubuyobozi n'imicungire y'abakozi (Administration and Human Resource unit).**

- ❖ Abakozi bashyizwe mu myanya nyuma y'ivugurura(2014-2015) ni:
  - Abashinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu 8,
  - Abashinjacyaha 6 bakorera mu ishami rishinzwe kurwanya ibyaha byo mu rwego by'ukungu n'imari
  - Abayobozi b'amashami atandukanye:
    - Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho,
    - Umuyobozi w'igenamigambi,
    - Umuyobozi ushinzwe ishami ritanga icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe,
    - Umuyobozi w'Ishami rishinzwe gukurikirana ibyaha byihohoterwa rishingiye kugitsina,
    - Umuyobozi w'ishami rishinzwe kurwanya ibyaha byo mu rwego by'ukungu n'imari
  - Umukozi 1 ushinzwe inzu icumbikirwamo abatangabuhamya cyangwa abahohotewe (Safe house manager),
  - Abasemuzi 2.

- ❖ Abashinjacyaha n'abafasha b'ubushinjacyaha 42 bakurikiranye amasomo (legal practice) muri ILPD i Nyanza n'i Kigali;
- ❖ Abakozi batandukanye 23 bitabiriye amahugurwa atandukanye muri RIAM i Murambi;

- Hakozwe imishahara n'ibindi bigendanye nayo kandi buri kwezi abakozi bose b'ubushinjacyaha bukuru bahembwe imishahara yabo ku gihe, ndetse n'abayobozi boroherezwa ingendo;
- Abakozi b'ubushinjacyaha bose batangiwe imisanzu y'ubwiteganyirize bw'izabukuru, ubwiteganyirize mu kwivuza ndetse bamenyekanishirizwa umusoro ku mushahara (TPR);
- Hatanzwe ibyemezo by'akazi bisabwa n'abakozi muri service zitandukanye;
- Mu rwego rwo kwibuka abahoze ari abakozi b'Ubushinjacyaha bishwe muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru hamwe n'abo mu zindi nzego z'Urwego rw'Ubutabera(Justice Sector), kuwa 5 Kamena 2015 basuye urwibutso rw'  i Murambi mu cyahoze ari Gikongoro hiciwe abatutsi barenga 50,000.

  Umushinjacyaha Mukuru Bwana MUHUMUZA Richard wari Umushyitsi Mukuru, mu ijambo yashyikirije abitabiriye uwo muhango yasabye abashinjacyaha n'abacamanza kwitonda cyane igihe bafatira imyanzuro amadosiye y'ibyaha bya jenoside cyangwa ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo.



**C. Ibyagezweho mu ishami rishinzwe imari (Finance Unit)**

- Hateguwe Cash Flow  Plan  y'ubushinjacyaha  bukuru ya  buri gihembwe igendeye ku ngengo y'imari n'igenamigambi ry'ibikorwa bya 2014-2015;
- Hakozwe raporo z'ikoreshwa ry'ingengo y'Imari za buri kwezi , buri gihembwe n'isoza umwaka w'ingengo y'imari ya 2014-2015;
- Hishyurwa inyemezabuguzi uko zagiye zinjira n'ibindi  bikorwa bituma ingengo y'imari  ishyirwa mu bikorwa;
- Inzego z'ubushinjacyaha bukuru zohererejwe amafaranga y'ingengo y'Imari hashingiwe ku byo zikeneye n'ingengo y'imari ihari;
- Hateguwe ingengo y'imari y'Ubushinjacyaha Bukuru ya 2015-2016.

**D. Ibyagezweho mu ishami rishinzwe ikoranabuhanga (ICT UNIT)**

- ICT yafashije mu kubungabunga ibikoresho Ubushinjacyaha Bukuru busanganywe mu kunoza akazi ka buri munsi;
- Inzego z'ibanze icyenda zashyizwemo Fiber Optic;

- Gukoresha umuyoboro wa internet muri Video conferencing mu rwego rwo gufasha mu itangabuhamya mu nkiko zo hanze;
- Emails groups zihuza abakozi bahuje inshingano zaravuguruwe kandi zikoreshwa neza;
- Mu bufatanye na Kaminuza nkuru y'u Rwanda hatangijwe uburyo bwo gukoresha Electronic Ressources mu rwego rwo gukora amadosiye afite jurisprudence zihagije;
- Gutangira kubaka EICMS (Electronic Integrated Case management System) izakoreshwa mu Rwego rw'Ubutabera (Justice Sector);
- Hifashishijwe ikoranabuhanga abakatiwe n'inkiko gacaca 250 000 binjijwe muri database ya casier Judiciaire;
- Mu bufatanye na RDB[5], Rwanda on Line hatangijwe gahunda yo kuba hatanga ibyemezo bigaragaza ko umuntu yafunzwe cyangwa atafunzwe hakoreshejwe ikoranabuhanga.

## 5. IMBOGAMIZI UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHUYE NAZO MURI 2014-2015 N'INGAMBA ZO KUZIKEMURA

### 5.1. IMBOGAMIZI UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHUYE NAZO MURI 2014-2015

i. Umubare w'amadosiye Ubushinjacyaha bwakira ukomeza kwiyongera kandi umubare w'abashinjacyaha wo utiyongera. Kuva 2010 kugeza Kamena 2015 amadosiye ubushinjacyaha bwakira amaze kwiyongeraho 11.2% kuko yavuye kuri 25,962 muri 2010 agera kuri 28,864 muri 2014-2015;
ii. Ubushinjacyaha bukora inyandiko zitanga ibirego nyinshi mu gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze Igihugu, ariko ibyo bihugu baherereyemo bikagenda biguruntege mu kubata muri yombi;
iii. Ibikoresho bikenerwa n'Ubushinjacyaha ntibihagije.

### 5.2. INGAMBA ZO KUZIKEMURA

i. Mu rwego rwo guhangana n'ubwiyongere bw'amadosiye, Ubushinjacayaha Bukuru bwafashe ingamba yo guhugura abakozi bahari no kubongerera ubushobozi kugira ngo umusaruro batanga wiyongere; gutyo bakore byinshi mu gihe gito (Improve individual performance);
ii. Ku kibazo cy'ibihugu bigenda biguruntege mu guta muri yombi abakekwaho jenoside; Ubushinjacyaha buzakomeza gukora ubuvugizi no gukorana n'inzego zibishinzwe zo muri ibyo bihugu;
iii. Ku kibazo cy'ibikoresho bidahagije, Ubushinjacyaha buzakomeza gukorana na Minisiteri y'imari n'igenamigambi ngo ibishaje bisimbuzwe kandi aho bigaragaye ko ntabyo bishakwe.

## 6. UMWANZURO

Uyu mwaka urangiye wa 2014-2015, hashyizwe imbaraga nyinshi mu gufatira imyanzuro amadosiye yashyikirijwe ubushinjacyaha bukuru mu rwego rwo kurwanya ko hakongera kuvuka ibirarane; kuko

[5] Rwanda Developpment Board

nkuko bigaragara ku rupapuro rwa kane, mu madosiye 28,864 yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru, amadosiye 28,637 angana na 99.2% yayinjiye yafatiwe umwanzuro.

Muri uyu mwaka kandi hitawe ku kwongera ubwiza bw'amadosiye yakozwe, kuko bigaragara ko ubushinjacyaha bwagiye buzamuka mu gutsinda amadosiye bwaregeye inkiko, bukaba bwaravuye ku rwego rwo gutsindiraho rwa 90.6% umwaka ushize wa 2013-2014 bukagera kuri 92.9% muri 2014-2015 ni ukuvuga ko amadosiye Ubushinjacyaha bwatsinze yiyongereye ku kigero kingana na 2.3%.

Ikindi kitaweho cyane nkuko bigaragara mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru ni ugukurikirana abakekwaho icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahunze igihugu; kuko uyu mwaka inyandiko zitanga ibirego (indictments) 160 zakozwe zikanoherezwa mu bihugu bahereryeyemo, zikaba rero zariyongereye cyane kuko muri 2013-2014 hari hatanzwe 55.

Uyu mwaka kandi hanafashwe ingamba zo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'ibyaha byihariye, cyane cyane ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu n'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina.

Muri uyu mwaka w' 2015-2016 Ubushinjacyaha bukuru buzakomeza gushyira imbaraga mu kwihutisha akazi no kunoza serivise Ubushinjacyaha buha abaturage mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego bwihaye no gufatanya n'izindi nzego kugera ku ntego za EDPRS ya kabiri, gahunda ya Leta y'imyaka irindwi n'icyerekezo 2020.

Hazazamurwa kandi ibipimo ngenderwaho mu kuzamura ubwiza n'ubwinshi bw'amadosiye akorwa n'ubushinjacyaha. Ubushinjacyaha buzarushaho gutanga serivisi nziza.

**Muhumuza Richard**

**Umushinjacyaha Mukuru**